**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)**

# KUGEZA UMUSARURO W'AMAGI N'INYAMA KU ISOKO NO GUKORA UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'INKOKO



*Ubu buryo bwo gutwara inkoko ku isoko mubabuvugaho iki ? Hakorwa iki?*



*Ubu buryo bwo gutwara amagi ku isoko mubabuvugaho iki? Hakorwa iki?*

**Gashyantare, 2021**

UMUSHINGA UGAMIJE GUTEZA IMBERE UBWOROZI BW'INKOKO MU RWANDA
**(BELGIAN DEVELOPMENT AGENCY PROJECT: ENABEL)**

# KUGEZA UMUSARURO W'AMAGI N'INYAMA KU ISOKO NO GUKORA UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'INKOKO

Gashyantare, 2021



*Ibyo numvise nshobora kubyibagirwa*

*Ibyo mbonye ndabyibuka,*

*Ibyo nkora ndabyumva nkabigira ibyanjye*

# Umufashamyumvire mu bworozi bw’inkoko

**Telefone:**.............................................................................

**Umudugudu:**....................................................................

**Akagari:**..............................................................................

**Umurenge:**........................................................................

**Akarere:**...............................................................................

# IBIKUBIYE MURI AKA GATABO

**IGICE CYA MBERE:**
GUSHAKA ISOKO RY'UMUSARURO ..........5

**IGICE CYA KABIRI:**
GUKORA UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'INKOKO..........10

**IGICE CYA GATATU:**
IBIKENEWE MU MUSHINGA..........27

**IGICE CYA KANE:**
UMWANZURO..........33

## ISOKO RY'UMUSARURO UKOMOKA KU NKOKO NO GUKORA UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'INKOKO

**Nyuma y'iri somo umufashamyumvire azaba ashobora gusobanukirwa neza ibi bikurikira:** Akamaro ko kumenya uko isoko rihagaze, gushaka isoko, gushyiraho ibiciro n;ingamba zo guahnagana no kubura isoko, kubungabunga ubuziranenge bw'amagi n'inyama hagamijwe isoko ryiza,kugenzura ubwiza bw'umusaruro (Amagi n'inyama), kubika no kugeza umusaruro ku isoko, gushaka amasoko no kumenyekanisha umusaruro w'amagi n'inyama, gutunganya ifumbire ikomoka ku bworozi bw'inkoko, kongerera agaciro umusaruro w'ibikomoka k'ubworozi bw'inkoko.


### ISOMO RYA 12: GUTEGURA UMUSHINGA W' UBWOROZI BW' INKOKO

**Nyuma y'iri somo umufashamyumvire azaba ashobora gusobanukirwa neza ibi bikurikira:** Kumenya Akamaro ko kugira gahunda y'ishoramari mu bworozi bw'inkoko, kumenya gukora gahunda y'ishoramari no gusobanukirwa ibihombya umworozi n'ibimwungura.

Kumenya gushora bike ukunguka byinshi, kumenya gusesengura, imiterere, imbogamizi, amahirwe mu ishyirwa mu bikorwa by'umushinga, aho igishoro kizaturuka, amafaranga azagenda ku mushinga, ibizakenerwa ku mushinga n'agaciro kabyo, Ubushobozi bwa nyir'umushinga (Ubumenyi, imitungo, ibikoresho, abakozi, amafaranga), kumenya abakora imishinga isa n'iyawe no guhangana ku isoko, inyigo y'isoko ry'umushinga, ibizacuruzwa, ingano, ibiciro no guhangana n'abakora imishinga isa n'uwanyirumushinga, isoko ry'ibizacuruzwa, ibikenewe ku isoko,ingano y'isoko, kurihaza no kuryagura,ingamba zo guhaza isoko, ibikoresho bikenewe n'agaciro kabyo mu kugeza umusaruro ku isoko, kumenya kubara inyungu icyo umushinga uzatwara, ibisabwa mu ishoramari ry'umushinga, urwunguko rw'umushinga mu myaka itanu,guhangana n'ibyateza igihombo mu migendekere y'umushinga, gukurikirana imigendekere y'umushinga no gukora ngengabihe y'ibikorwa by'umushinga.

## GUSHAKIRA ISOKO UMUSARURO W'AMAGI N'INYAMA.

Aborozi b'inkoko zitera amagi n'izitanga inyama bagira kenshi ikibazo cy'isoko bagurishaho umusaruro wabo, bamwe na bamwe usanga bahendwa n'abamamyi batanga igiciro kiri hasi ndetse ugasanga barabona inyungu ziruta izaborozi. ***Niki cyakorwa ngo umworozi abashe kwigereza umusaruro we ku isoko?***




1. **AMAKURU KU ISOKO RIGURISHWAHO INYAMA N'AMAGI**

- ✓ Guhana amakuru hagati yaborozi ubwabo bituma bageza umusaruro wabo ku isoko bakarigiraho imbaraga n'ubushobozi bwo kuhabona inyungu.
- ✓ Kugira amakuru arebana n'isoko bituma aborozi bahitamo isoko n'igihe bagomba kurigurishaho amagi cyangwa inyama.
- ✓ Iyo hari amakuru ahagije ku isoko bituma abashora imari mu bworozi bw'inkoko n'ubucuruzi bw'umusaruro w'amagi n'inyama biyongera.

## 2. UBURYO BWO KUGEZA UMUSARURO W'AMAGI N'INYAMA KU ISOKO.

***Umukoro :***

*Ni ubuhe buryo bushoboka bwo kugeza umusaruro w'amagi n'inyama ku isoko?*
*Uburyo bwiza bwo gutwara umusaruro w'amagi n'inyama niubuhe?*
*Byakorwagute kugirango bifashe buri mworozi?*
*Ni izihe ngaruka umworozi yagira mu gutwara umusaruro we ku isoko?*
*Umworozi yakora iki kugirango yirinde izo ngaruka ?*



***Ubu buryo bwo gutwara inkoko ku isoko mubabuvugaho iki ? Hakorwa iki?***



***Ubu buryo bwo gutwara amagi ku isoko mubabuvugaho iki? Hakorwa iki?***

- ✓ Kubumbira aborozi b'inkoko mu mashyirahamwe no muri Koperative


- ✓ Gushyiraho umurongo ngenderwaho n'uburyo bunoze bwo kugemura amagi n'inyama ku isoko bituma habaho umurava wo kongerera ubwiza bwayo ( gupima amagi, kureba ubwiza bwayo no kuyashyira mu byiciro, kuyapfunyika ),ibyo byose bifasha aborozi kugirirwa icyizere n'abakiriya no kuribonaho inyungu zishimishije.

- ✓ Gushyiraho umurongo uhamye wo kugurishamo umusaruro (amagi n'inyama ) bituma bareka kugurisha aho babonye hose; ubu buryo butuma bakorera hamwe , bagakusanya umusaruro wabo ukagurishwa ku mucuruzi wabigize umwuga uzwi (ukusanya akanacuruza amagi), ibyo bigakorwa hashingiwe ku masezerano akorwa hagati y'impande zombi, bagomba gukorana kandi amasezerano n'abadandaza, resitora ,ibigo bya Leta n'ibyabikorera bakenera gukoresha umusaruro w'amagi n'inyama.


- ✓ Gushyiraho umurongo uhamye bituma hatabaho ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kandi inyungu zose zikabonwa n'aborozi aho kuzigabana n'abamamyi.

## UBURYO ABOROZI BAGURISHAMO UMUSARURO W'AMAGI

### Uburyo 1: Kugurisha n'abahita bayakoresha




### Uburyo 2 : Gushyiraho umurongo uhamye wo kugurishamo amagi




**Ese ubu buryo bwombi bunogeye umworozi ? Hakorwa iki ?**

## 3. IGICIRO CY'AMAGI N'INYAMA

**Umukoro:**

*Mugaragaze uburyo aborozi bakwishyiriraho igiciro cy'amagi n'inyama ku isoko kandi kikubahirizwa?*

*Ni ayahe makuru y'ingenzi mwakenera mu kugena igiciro mugurishaho amagi n'inyama ?*

- ✓ Aborozi bagomba kumenya ibiciro by'amagi n'inyama biri ku isoko, kumenya abakeneye kugura amagi uko bangana, no kureba ko igiciro kiri ku isoko gituma babona inyungu bakeneye.
- ✓ Aborozi bagomba kuzirikana ko ubushobozi bw'abaguzi aribwo butuma amagi agurishwa ari menshi ku isoko.
- ✓ Kutamenya ibiciro by'amagi n'inyama biri ku isoko biha amahirwe abamamyi byo kujya kugurira aborozi ku kiraro ku giciro gitoya, inyunguaborozi bagombaga kubona zikitwarirwa n'abagurira aborozi.

## 4. UBWIZA BW'UMUSARURO W'AMAGI N'INYAMA

- ✓ Aborozi bagomba kuzirikana ubwiza bw'amagi n'inyama basarura
- ✓ Ubuziranenge n'ubwiza bw'umusaruro wabo nibyo bituma abaguzi (abakiriya) bagira ubushake bwo kubagurira no kubagirira icyizere gihoraho.

### 4.1 KONGERERA AGACIRO IBIKOMOKA KU NKOKO

Kongerera agaciro amagi, inyama,ifumbire n'ibindi bikomoka ku nkoko bigomba kwitabwaho n,umworozi kugirango abashe kugeza ku bakiriya ibyo bifuza bigendana no kwiyongera ku inyungu yari ategereje.

#### 4.1.1. KONGERERA AGACIRO INYAMA Z'INKOKO N'IBINDI BIYIKOMOKAHO.

Mu rwego rwo gutanga service nziza ku bakiriya, inkoko ibaze icibwamo ibice bitandukanye , ibisa bigafungwa mu dupaki hakurikijwe ubushobozi bwabagura; umukiriya agura ibyo yifuza : Amaguru, amaboko, agatuza. Inyama z'inkoko yabazwe zishobora gutekwa zikabikwa igihe kirerekire mu bukonje bwabugenewe.

Imitwe, imyijima, impyiko, amajanja bigenda bifungwa mu dupaki, abakiriya babikeneye bakabigura bifunze kandi ku giciro kibanogeye. Amababa yose akusanyirizwa hamwe akumutswa akazifashishwa mu gukora imyenda.

## 5. KUMENYEKANISHA UMUSARURO KU ISOKO

Ese aborozi b'inkoko mu Rwanda bamenyekanisha ubworozi bwabo n'umusaruro wabo?
Niba ari oya ? kubera iki bidakorwa ? hakorwa iki kugirango bikorwe kandi bigire imbaraga?
Niba bikorwa ? uburyo bikorwamo burahagije ? niki cyakwiyongeraho?

- ✓ Gushyiraho uburyo bwo kumenyekanisha umusaruro w'aborozi .
- ✓ Intego aba ari ukureshya abakiriya kugirango bagire ubushake bwo kugura, gutsura ubushuti n'umwuka mwiza

w'ubwumvikane hagati y'aborozi n'abacuruzi (abakiriya).

- ✓ Ibikorwa aborozi bakora ni ugukora iyamamaza hifashishijwe uburyo butandukanye: amajwi, amashusho, inkuru mu bitangazamakuru –ibyandika, Radio, televiziyo, ibiganiro mbwirwaruhame, gutegura imurikabikorwa n'imurikagurisha.
- ✓ Mu rwego rwo gukurura abakiriya, aborozi mu gihe cyagenwe batanga ubwasisi cg bakagabanya ibiciro.

## ISOMO RYA XI: UBURYO BWO GUTEGURA UMUSHINGA

### UKO WAKORA UBWOROZI BW' INKOKO BWUNGUKA

Kora umushinga w'inkoko 1000 zitera amagi n'izitanga inyama 1000 ugaragaze ibibikurikira:

- Izina ry'umushinga
- Amakuru kuri Nyirumushinga
- Intege n'imbaraga bya Nyirumushinga
- Ubwoko bw'umushinga
- Intego y'umushinga
- Aho umushinga uzakorera n'amahirwe ahari
- Imiterere, imbogamizi, amahirwe mu ishyirwa mu bikorwa by'umushinga
- Aho igishoro kizaturuka
- Incamake y'umushinga
- Amafaranga azagenda ku mushinga
- Amakuru y'ibanze ku mushinga
- Ibizakenerwa ku mushinga n'agaciro kabyo
- Uruhare rwa nyir'umushinga
- Ubushobozi bwa nyir'umushinga (Ubumenyi, imitungo, ibikoresho, abakozi, amafaranga)
- Kumenya abakora imishinga isa n'iyawe no guhangana ku isoko
- Inyigo y'isoko ry'umushinga
- Ibizacuruzwa
- Ingano, ibiciro no guhangana n'abakora imishinga isa n'uwanyirumushinga
- Isoko ry'ibizacuruzwa
- Ibikenewe ku isoko

## 1. Iburiro

Abashaka gushora mu bworozi bw inkoko bagomba gutekerza uko bwungukA kuburyo burambye. Niyo mpamvu ushaka wese gushora mu bikorwa by ubworozi agomba kubanza kugira ibyo amenya kugirango hato bitazamuhombya.

Hano, turateganya ko uhugurwa wese, mbere yo guhabwa Isomo ryimbitse, yaba yumva kuburyo buciriritse uko borora bya kinyabwuga. Gusa, kuba umworozi w umwuga bisaba kuba ubikunda, ubikora kandi ubifitemo ubunararibonye.

Icyingenzi hano nuko ubworozi bw inkoko butagomba kubangamira ibidukikije nko kwanduza amazi, buri wese muri twebwe agomba kumva ko afite uruhare rwo kubungabunga ibidukikije kandi arengera naho yororera.




**1.2 Kuki ukora ubworozi bwi inkoko ?**




Tanga imavu 6  zatuma umutu yakora ubworozi bwi inkoko? Hari imavu nyishi zatuma ukoro ubworozi , Andika ibyo wuva tubiganire ho.







## 1.3 UMUSHINGA W’ INKOKO

- Mu ubworozi bw’ inkoko, umworozi agomba kwita ku uruhererekane rw’ ibikorwa by’ uburworozi byose bikenewe kugirango abone umusaruro mwiza kandi uhagije.
- Umworozi asabwa gukoresha Uburyo bwose akoresha igishoro gike ariko akabona umusaruro uhagije.




### Ibyingenzi umworozi w’ inkoko agomba kwitaho

- Kugira igenamigambi rihamye
- Gutegura buri kimwe cyose gikenewe
- Kwandika ibikoresho byose bikenewe ni igiciro cyabyo
- Ibikoreshwa ni ibiciro
- Ishoramari nibice byingenzi bizatwara amafaranga
- Aho uzakura amafaranga n’ Uburyo azagenda kubikorwa by’ umushinga (igishoro)
- Kwiga ku isoko nuburyo uteganya kurigezaho umusaruro
- Kubara inyungu
- Ubwoko bw ‘ubworozi ukora (chicken enteprises) nibyo zikenera
    - Inkoko z’ amagi
    - Inkoko zitanga inyama

- Gutanga ibigwana (replacement pullets)
- Kubika amakuru, kubara no gufata ibyemezo bikwiye
- Kubika amakuru y' ingenzi y' ubworozi bwawe
- Gukoresha amakuru wabitse mukubara ibyasohotse n' ibyinjiye
- Gusesengura amakuru no gufata ibyemezo bikwiye
- Gukumira no kwirinda indwara mu ubworozi bw' inkoko
- Aho wororera
- Mukubaka inzu zi inkoko
- Ibyiciro by' inkoko woroye
- Abaturaniye ubworozi bwawe (abandi borozi b' inkoko), aborora izindi nyamaswa
- Gutanga inkingo kugihe
- Gushyiraho amabwiriza agenga ibikorerwa mu ifamu
- Gushaka isoko ry' umusaruro wawe
- Kubahiriza ibyo isoko rigusaba
- Gutanga umusaruro kandi kuburyo buhoroha
- Kubahiriza amabwiriza agenga Uburyo bwo gutunganya umusaruro
- Ingamba zo gupiganwa n' abakeba
- Kugera kwi isoko
- Kugira ubunyamwu





**UMWITOZO MUTSINDA: GUKORA UMUSHINGA KURORA INKOKO ZITANGA INYAMA N'AMAGI**




Ufite imishwi ingahe? Ibigwano bingahe?

Waziguze hehe?
Aho waziguriye hari intera ireshya gute?

Ese barazikugemurira?
Iyo bazikuzaniye, wishyura angahe?
Niba batazikugemurira, uzitwara gute? Ku giciro cyangahe?

**Agaciro k'inkoko**

Ese waba ugura Ibigwana bifite ibyumwer 3 v=cg 5 by'inkoko z'inyama ? niba ari yego ubigura he?
Izo nkoko z'ibigwano by'ibyumwru 3 cg ibyumweru 5 bigura anagahe?

Iyo babikuzaniye baguca anagahe?
Ese bintwara angahe kubyizanira iyo batabinzaniye

**Agaciro k'inkoko zitera**

Agaciro k'inkoko z'ibigwano zitera imaze ibyumweru 16-18 ?

Ese bazikuzanira ku buntu cyangwa barakwishyuza ? angahe?
Niba batabikuzanira, bigutwara angahe ngo zikugereho?

**Agaciro k'ibiryo**

Uguha ibiryo atuye he ugereranije naho wororeye?

Umufuka ugura angahe? Uba ufite ibiro bingahe (kg)  kunkoko z'imishwi z'inyama?
Umufuka ugura angahe? Uba ufite ibiro bingahe (kg)  kunkoko zegereye igihe cyo kubagwa?
Umufuka ugura angahe? Uba ufite ibiro bingahe (kg)  kunkoko z'ibigwano?
Umufuka ugura angahe? Uba ufite ibiro bingahe (kg)  kunkoko  z'amagi ?
Ese uguha ibiryo arabikugemurira ? Aguca angahe?
Niba ataribyo , ibiryo ubibona gute? Ku kihe giciro?

**Ibikoresho n'amazi**

Nihehe ugurira imiti n'inkingo?
Nihehe nakura inama z'ubuvuzi?
Nihe nakura isaso?
Ese isaso igura angahe?
Nihehe ukura amazi?
Ese mfite amazi ahagije n'ibikoresho bifite isuku n'inzu y'inkoko?

**Ibibazo bijyanye n'isoko**

Nihehe ugurisha inkoko z'inyama ?
Nihehe uzigurisha? (neighbours, schools, local market, local shop, processing plant, middle man)
Ninde muhanganye ku isoko/ ucuruza mu gace uherereyemo?
1kg cg inkoko imwe igura angahe?
Ese muzigurisha zimaze igihe kingana iki?
Kubera iki ari wowe bagurira ?

Ku nkoko bigutwara angahe mu kuyibaga / ku kg?
Ugurisha  inkoko zingahe mu cyumweru cg mu kwezi?
Nigute wamenya ko ibyo ugurisha ari byinshi?

**Amagi agurishwa**

Nihehe ugurishiriza amagi yawe?

Ninde ugurishaho amagi ? (neighbours, schools, local market, shop)
Ubwikorezi bw'amagi butwara angahe?
Amagi 12 avanze agura angahe?
Ninde ucuruza amagi avanze cyangwa atoranijwe?
Ese batanga angahe ku magi 12?

Wagurisha angahe mu cyumweru?
Ni gute uamenya ko wagurisha menshi bishoboka ?

Ese hari isoko ry'amagi atetse?

**Ibiciro**

Ibitwara amafaranaga,Ibyinjira n'inyungu n'igihombo

| | |
|---|---|
| ***Ibitwara amafaranga*** | |
| | |
| inkoko | Frw |
| Ibiryo Feed | Frw |
| Imbabura/ Gaz | Frw |
| Imiti, Inkingo, imiti yica udukoko | Frw |
| Ubwikorezi | Frw |
| Isaso | Frw |
| Ibitateganijwe (5%) | Frw |
| | |
| ***A. Byose hamwe*** | Frw |
| | |
| | |
| ***Ibindi bitwara amafaranga*** | |
| | |
| Amazi | Frw |
| Umuriro | Frw |
| Telephone | Frw |
| Gukodesha | Frw |

| | |
|---|---|
| Inyungu ya Banki | Frw |
| | |
| ***B. Byose hamwe*** | Frw |
| | |
| | |
| ***Ibyinjira ku kwezi*** | |
| | |
| ____ inkoko zagurishijwe | Frw |
| Or | |
| Frw | Frw |
| | |
| ***C. Ibyinjiye byose hamwe*** | Frw |
| | |
| | |
| **Inyungu (C-A+B)** | Frw |
| | |

| | | |
|---|---|---|
| Ingano y' inkoko | 2,000 | |
| Amagi inkoko imwe itera | 269.4 | |
| | | |
| | | |
| **Ibikenera amafaranga ugiye gutangira korora** | ***Ku nkoko*** | ***ku igi*** |
| Kugura inkoko | 930.000 | 3.452 |
| Kugura ibiryo by'inkoko mbere yuko zitangita gutera | 2,415.000 | 8.964 |
| Kugura ibiryo byínkoko zitangiye gutera (ibyumweru 20) | 12,239.501 | 45.431 |
| Kugura umuriro | 252.000 | 0.935 |
| Kugura amazi | 672.000 | 2.494 |
| Kuvuza inkoko | 363.500 | 1.349 |
| Kugura isaso y'inkoko | 560.000 | 2.079 |
| Andi mafaranga akenewe | 0.000 | 0.000 |
| Kuzifata no kuzipakiza | 0.000 | 0.000 |
| fee ppe | 0.000 | 0.000 |
| Amafaranga utanga kugirango zicungirwe umutekano | 0.000 | 0.000 |
| Gukuramo izapyuye | 0.000 | 0.000 |
| Gukusanya Ifumbire | 0.000 | 0.000 |

| | | |
|---|---|---|
| **Igiteranyo cy' amafaranga akenewe ngo utangire ubworozi (TOTAL DIRECT COSTS)** | **17,432.001** | **64.704** |
| | | |
| **Ibiciro by'ibikenewe umaze gutangira ubworozi** | ***Ku nkoko*** | ***ku igi*** |
| Paid interest for hens / feed / cash | 0.000 | 0.000 |
| Kwishyura inyungu kunguzanyo | 1088.344 | 4.040 |
| Gusanura ibyangiritse | 120.927 | 0.449 |
| Ibiciro byíbindi bintu bikenerwa | 4.356 | 0.016 |
| Umushahara | 302.318 | 1.122 |
| Kwishyura inguzanyo | 604.636 | 2.244 |
| Igishoro | 5.082 | 0.019 |
| | | |
| **Igiteranyo cyamafaranga akenerwa nyuma yo gutangira ubworozi (TOTAL INDIRECT COSTS)** | **2125.663** | **7.890** |
| | | |
| **Muri make** | | |
| Amafaranga akenerwa ngo ubworozi butangire | 17,432.001 | 64.704 |
| Amafaranga akenerwa nyuma ubworozi bwaratangiye | 2125.663 | 7.890 |
| Igiteranyo cyámafarango yose akenerwa | 19,557.664 | 72.594 |
| Urwunguko rw'inkoko mu gihe zabazwe | 3861.000 | 14.331 |
| | | |
| **Icyiguzi kugiciro hiyongereyemo inkoko zabwazwe** | **15,696.664** | **58.26** |
| | | |
| Amafaranga yaturutse mukugurisha amagi | 21552.800 | 80.000 |
| | | |
| **Ibivamo/Asigara** | **5856.136** | **21.737** |
| | | |

**COST OF FEEDING 1000 CHICKS FOR 20 WEEKS.**

| | Grams | # of days | # of chicks | cost | Frws | k.gs/ day | (G/ Bird) | Amount of kgs/ week |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1st week | 0.012 | 7 | 1,000 | 385 | 32,340 | 12 | 70 | 84 |
| 2nd week | 0.018 | 7 | 1,000 | 385 | 48,510 | 18 | 120 | 126 |
| 3rd week | 0.024 | 7 | 1,000 | 385 | 64,680 | 24 | 180 | 168 |
| 4th week | 0.03 | 7 | 1,000 | 385 | 80,850 | 30 | 250 | 210 |
| 1st month | | | | | 226,380 | 84 | | 588 |
| 5th week | 0.036 | 7 | 1,000 | 385 | 97,020 | 36 | 340 | 252 |
| 6th week | 0.042 | 7 | 1,000 | 385 | 113,190 | 42 | 440 | 294 |
| 7th week | 0.048 | 7 | 1,000 | 385 | 129,360 | 48 | 550 | 336 |
| 8th week | 0.054 | 7 | 1,000 | 385 | 145,530 | 54 | 640 | 378 |
| 2nd month | | | | | 485,100 | 180 | | 1,260 |
| **subtotal** | STARTER FEEDS | | | | 711,480 | **264** | | 1,848 |
| 9th week | 0.059 | 7 | 1,000 | 385 | 159,005 | 59 | 750 | 413 |
| 10th week | 0.063 | 7 | 1,000 | 385 | 169,785 | 63 | 860 | 441 |
| 11th week | 0.066 | 7 | 1,000 | 385 | 177,870 | 66 | 960 | 462 |
| 12th week | 0.068 | 7 | 1,000 | 385 | 183,260 | 68 | 1060 | 476 |

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 3 rd month | | | | | 689,920 | 256 | | 1,792.0 |
| 13th Week | 0.069 | 7 | 1,000 | 385 | 185,955 | 69 | 1140 | 483 |
| 14th week | 0.07 | 7 | 1,000 | 385 | 188,650 | 70 | 1200 | 490 |
| 15th week | 0.072 | 7 | 1,000 | 385 | 194,040 | 72 | 1260 | 504 |
| 16th week | 0.074 | 7 | 1,000 | 385 | 199,430 | 74 | 1320 | 518 |
| 4th month | | | | | 768,075 | 285 | | 1,995.0 |
| 17th Week | 0.076 | 7 | 1,000 | 385 | 204,820 | 76 | 1400 | 532 |
| 18th week | 0.078 | 7 | 1,000 | 385 | 210,210 | 78 | 1480 | 546 |
| 19th week | 0.082 | 7 | 1,000 | 385 | 220,990 | 82 | 1480 | 574 |
| 20th week | 0.092 | 7 | 1,000 | 385 | 247,940 | 92 | 1480 | 644 |
| 5th month | | | | | 883,960 | 328 | | 2,296 |
| **subtotal** | | | | | 2,341,955 | 869 | | 6,083 |
| **Total** | | | | | **3,053,435** | ***1,133*** | | **7,931** |
| | Transport,loading and off loading ( 5%) | | | | 0 | | | |
| | **Grand Total (A)** | | | | **3,053,435** | | | |

## DURING LAYING PERIOD

| | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 21st Week | 0.12 | 7 | 1,000 | 385 | 323,400 | 120 | 1480 | 840 |
| 22rd week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | 1480 | 875 |
| 23rd week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | | 875 |
| 24th week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | | 875 |
| 6th month | | | | | 1,334,025 | 495 | | |
| 25th week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | | 875 |
| 26th week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | - | | - |
| 27th week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | | 875 |
| 28th week | 0.125 | 7 | 1,000 | 385 | 336,875 | 125 | | 875 |
| 7th month | | | | | 1,347,500 | 250 | | |

| Broooding room preparation budget of 1000Chicks | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **S/N** | **Activity** | **Qty** | **Unity cost** | **T.cost** | **Comment** |
| 1 | Lime | 5 | 2,000 | 10,000 | |
| 2 | Brooder room preparation/ | 1 | 10,000 | 10,000 | |
| 3 | Plastic sheetings | 20 | 6,000 | 120,000 | |
| 4 | Charcols(Bags) | 30 | 15,000 | 450,000 | |
| 5 | Chicks plates | 25 | 10,000 | 250,000 | |
| 6 | Small drinkers | 35 | 2,500 | 87,500 | |
| 7 | Nets (UDUTIMBA | 3 | 3,000 | 9,000 | |
| | **Total** | | | **936,500** | |

| OTHER RELATED BROODING COSTS | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | weighing scale | 1 | 30,000 | 30,000 |
| | IMBABURA (Chacoal stoves) | 5 | 2,500 | 12,500 |
| | Electricity bulb | 10 | 5,000 | 50,000 |
| | Rechargable bulbs | 10 | 2,000 | 20,000 |
| | **TOTAL** | | | **112,500** |
| | **Grand total** | | | **1,049,000** |

| Sanitory equipment | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **S/N** | **Activity** | **Qty** | **Unity cost** | **T.cost** | **Comment** |
| 1 | Lacrette | 1 | 2,000 | 2,000 | |
| 2 | Brush | 1 | 2,000 | 2,000 | |
| 3 | Jic | 1 | 2,000 | 2,000 | |
| 4 | Virocid 1L | 5 | 15,000 | 75,000 | |
| 5 | Basin | 2 | 4,000 | 8,000 | |
| 6 | Bucket | 2 | 3,000 | 6,000 | |
| 7 | Small basin | 2 | 1,500 | 3,000 | |
| 8 | Jerrican | 10 | 1,000 | 10,000 | |
| 9 | big bucket | 5 | 12,000 | 60,000 | |
| | **Total** | | | **168,000** | |

| Bio security | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 15 | Staff protective overall | 2 | 15,000 | 30,000 |
| 16 | Spray Pump | 1 | 22,800 | 22,800 |
| 17 | Staff boots | 2 | 6,500 | 13,000 |
| | **total** | | | **65,800** |
| **Grand total** | | | | **1,282,800** |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Chicken glasses | 1000 | 110 | 110,000 |
| | **sanitory soap liquids** | | | |
| 1 | liquid soap | 20 | 2,000 | 40,000 |
| 2 | virocid 1L | 1 | 9500 | 9500 |
| | Total | | | 49,500 |

cost of day old chicks

| **S/N** | **Qty** | **Unity cost** | **T.cost** |
|---|---|---|---|
| 1 | 1000 | 2000 | 2,000,000 |
| | total | | **2,000,000** |
| | LAYING NEST | | |
| | **required quantity ( BOXES)** | **PRICES** | **TOTAL** |
| | **15** | **19000** | **285,000** |
| | | | |

**vaccination protocal and cost 2500 cycle 1**

| **Days** | **Diseases** | **Date of VACCI-NATION** | **DRUGS** | **MODE OF VACCINATION** | **doses** | cost of vaccine / drug | total cost | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Antistress | 24/01/2020 | Vitamins and Minerals | Drinking water | 1 | 15,000 | 15,000 | | |
| 3 | New castle & IB | 26/01/2020 | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 25,000 | 25,000 | | |
| 5 | Coccidiose control | | Coccitoltrazol | Drinking water | 1 | 65,000 | 65,000 | | |
| 7 | Gumboro | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 5,000 | 5,000 | | |
| 14 | Gumboro | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 16,500 | 16,500 | | |
| 16 | DEWORMER (UMUTI Winzoka) | | Levamisole | Drinking water | 1 | 3,500 | 3,500 | | |
| 21 | New castle | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 3,000 | 3,000 | | |
| 22-23 | Coccidiose control | | Coccitoltrazol | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 65,000 | 65,000 | | |
| 25 | Gumboro (IBDV) | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 16,500 | 16,500 | **214,500** | **month 1** |
| 35 | New Castle (ND) | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 3,000 | 3,000 | | |
| 40-41 | Coccidiose control | | Coccitoltrazol | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 65,000 | 65,000 | | |
| 45 | Fowl pox (FP) | | | Wing injection | 1 | 25,000 | 25,000 | | |
| 49 | Dewormer (umuti wizoka) | | Levamisole | Drinking water | 1 | 3,500 | 3,500 | | |

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **56** | **New Castle (ND)** | | | **Drinking water / eye drop/nose** | **1** | **3,000** | **3,000** | **99,500** | **month 2** |
| 70 | New Castle & Infectious Bronchitis | | | Drinking water / eye drop/nose | 1 | 16,500 | 16,500 | | |
| **91** | **New Castle & Infectious Bronchitis** | | | **Drinking water / eye drop/nose** | **3** | **16,500** | **49,500** | **66,000** | **month 3** |
| 105 | Deworming | | Levamisole | Drinking water | 1 | 3,500 | 3,500 | | |
| 112-119 | **New Castle & Infectious Bronchitis & Egg-drop s.** | | | **Brest injection** | **1** | **120,000** | **120,000** | **123,500** | **month 4** |
| 196 | **New Castle & Infectious Bronchitis(Variant)** | | | **Drinking water / eye drop/nose** | **1** | **16,500** | **16,500** | **16,500** | **month 7** |
| **245** | **New Castle & Infectious Bronchitis(Variant)** | | | **Drinking water / eye drop/nose** | **1** | **16,500** | **16,500** | **16,500** | **month 8** |
| 385 | **New Castle & Infectious Bronchitis(Variant)** | | | **Drinking water / eye drop/nose** | **1** | **16,500** | **16,500** | **16,500** | **month 13** |
| | **total** | | | | | **520,000** | **553,000** | **553,000** | |

**URUGERO**

**KWAGURA UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'INKOKO 2000 Z'AMAGI**

**1.1. ADERESI YA NYIR'UMUSHINGA:**

Amazina n'aho atuye:Alphonse MUTANGANA
Intara : Umujyi wa Kigali
Akarere :Kicukiro
Umurenge : Kanombe
Akagari : Rubirizi
Umudugudu: Beninka
Tel: 0788628229
E-mail: mutangalfa@yahoo.co.uk

**1.2. AHO UMUSHINGA WAGURWA UHEREREYE**

**a) Aho umushinga urimo ukorerwa ubu**

Intara : Uburasirazuba
Akarere : Kicukiro-
Umurenge : Masaka
Akagari : Cyimo
Umudugudu : Cyimo

**1.3. IMITERERE Y'UMUSHINGA N'IGIHE UZAMARA:**

Umushinga w'ubworozi bw'inkoko zitera amagi urateganya kumara igihe kitazwi (duree indeterminee), Inguzanyo iteganyijwe mu kwagura umushinga izamara igihe cy'imyaka itatu (3ans). Korora inkoko byo bimaze igihe kigera kumwaka1, nkaba ubu fite inkoko 1000 zimaze amezi 2 gusa, hamwe namamashine aturaga inkoko 2000 bya buri kwezi, imwe nkayigurisha 700fr, nkaba nifuza amafranga yo kwagura umushinga nkorora ibindi 2000 byinkoko zizatera.

**1.4. INTEGO Z'UMUSHINGA**

**Intego rusange:** Umushinga ufite intego rusange yo kwiteza imbere, kuboneza imirire, kubonera abahinzi isoko ry'umusaruro, no kugeza kuborozi imishwi myiza, no gutanga akazi.

## 1.5. IBIZAGERWAHO KUBERA UYU MUSHINGA (Resultats attendus):

- ✓ Amagi azarushaho kuboneka kubwinshi mu gace umushinga ukoreramo no mu migi inyuranye.
- ✓ Kugeza kuborozi imishwi yizewe.
- ✓ Ifumbire nziza ikenerwa mu buhinzi mwimerere bunyuranye izaboneka, (organic farming),
- ✓ Byibura abantu 2 bazahabwa akazi gahoraho ko gukurikirana inkoko, uwita kumatungo no gushaka amasoko (1),nange nzikurikiranira umushinga nk'inzobere mu bworozi bw'inkoko.
- ✓ Abacuruzi b'amagibomu mijyi n'udusantere duto twa Masaka, Kabuga na Kigali, bazayabona ku buryo bworoshye.
- ✓ Banki izabona inyungu zikomoka kunguzanyo itegerejwe,

## 1.6. IBIJYANYE N'IMARI:

* Umushinga uzatwara imari yose hamwe:41647000 frw
* Uruhare rwa nyirumushinga: 31647000frw
* Inguzanyo isabwa:10,000,000frw

## 1.7. ABO UMUSHINGA UZAGIRIRA AKAMARO

- Nyirumushinga n'umuryango we
- Abakozi b'umushinga
- Abaturiye umushinga
- Abahinzi bakeneye ifumbire bakongera umusaruro
- Abahinzi bakeneye isoko ry'umusaruro ( Ibigori, Soya,...) bikoreshwa mubiryo by'inkoko
- Akarere umushinga ukoreramo
- Abahaha amagi n'inyama z'inkoko
- Banki izabona inyungu

## 1.8. IBYEREKERANYE N'ISOKO RY'AMAGI N'IMISHWI

- Isoko ry'amagi ririzewe imbere mu gihugu,ku masoko,mu mahotel,
- Abaturiye umushinga nabo bakeneye amagi yo kurya mungo zabo.
- Hari n'abacuruzi batandukanye b'i Masaka, Kabuga, Rugende, Kimironko.

## 1.9. IGIHE UMUSHINGA UZATANGIRIRA

Umushinga waratangiye mukwazi Nzeri/2018. Ugatangirana n'inkoko 1000, ni machine ituraga imishwi 2000. Izo nkoko zitera amagi igihe cy'amezi 18 zigatangira gutera amagi zimaze amezi 5.
2.UBUSHOBOZI BWA NYIRUMUSHINGA N' INGWATE

### a. Ubushobozi

- Nyirumushinga afite ubumenyi mu bworozi bw'inkoko bwemezwa n'impamyabumenyiya Kaminuza ( Diplome);
- Nyirumushinga ni umukozi uhembwa n'ikigo cy'ituragiro ry'igihugu" Uzima Chicken Ltd" cya Rubirizi nkuko bigaragazwa na kontaro dufitanye
- Ituragiro rye rifite ubushobozi bwo kuturaga inkoko 2000 buri kwezi, company yitwa"FA.MU Chicken Ltd"
- Umushinga watangiriye ku nkoko 1000 zimaze amezi 2.

### b. Ingwate

-Ingwate ntanze ni ubutaka bufite icyangombwa UPI 2/08/01/04/6871giherereye mu karere ka Kamonyi, umurenge wa Gacurabwenge, Akagari ka Nkingo, Umudugudu wa Kamonyi.

## 3. IBIKENEWE NGO UMUSHINGA USHYIRWE MU BIKORWA

| | Ibyo ari byo | Uko bibaze | Qte | PU | PT |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Imishwi | | 2000 | 1000 | 2000000 |
| 2 | Ibiryo by'inkoko mumezi 5 | 9kgx2000=18000 | 18000 | 330 | 5940000 |
| 3 | Ibiryo mumwaka wo gutera (kg) | 120gx2000x365 | 87600 | 320 | 28032000 |
| 4 | Ibyo kuriraho (plastique) | | 20 | 5200 | 110000 |
| 5 | Ibyo kunyweraho (plastique) | | 20 | 5200 | 110000 |
| 6 | Gukodesha ikiraro (amezi 18) | 1 | 18 | 50000 | 900000 |
| 7 | Amajerikani yo kwifashisha | | 5 | 1000 | 5000 |
| 8 | Imiti n'inkingo | | 20 | 10000 | 200000 |
| 9 | Treilles zo gushyiraho amagi | | 100 | 100 | 10000 |
| 11 | Abakozi | 4x18amezi=72 | 72 | 50000 | 3600000 |
| 12 | Amakara ( imifuka) | | 8 | 10000 | 80000 |
| 13 | Ibarizo (imifuka) | | 200 | 1500 | 300000 |
| 14 | Transport | | 18 | 20000 | 360000 |
| | Total | | | | 41647000 |

## 4. URUHARE RWA NYIRUMUSHINGA

| No | Ibyo ari byo | PU | PT | PT | Nyirumu Shinga | Inguzanyo |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Kugura imishwi y'umunsi 1 | 2000 | 1000 | 2000000 | 2000000 | 0 |
| 2 | Ibiryo by'inkoko mumezi 5 ya mbere | 18000 | 330 | 5940000 | 0 | 5940000 |
| 3 | Ibiryo mumwaka wo gutera (kg) | 87600 | 320 | 28032000 | 28032000 | 0 |
| 4 | Ibyo kuriraho (plastique) | 20 | 5200 | 110000 | 0 | 110000 |
| 5 | Ibyo kunyweraho (plastique) | 20 | 5200 | 110000 | 0 | 110000 |
| 6 | Gukodesha ikiraro (amezi 18) | 18 | 50000 | 900000 | 900000 | 0 |
| 7 | Amajerikani yo kwifashisha | 5 | 1000 | 5000 | 5000 | 0 |
| 8 | Imiti n'inkingo | 20 | 10000 | 20000 | 0 | 200000 |
| 9 | Treilles zo gushyiraho amagi | 300 | 100 | 30000 | 30000 | 0 |
| 11 | Abakozi | 4×18=72 | 50000 | 3600000 | 0 | 3600000 |
| 12 | Amakara (imifuka) | 8 | 1000 | 80000 | 40000 | 40000 |
| 13 | Ibarizo (imifuka) | 200 | 1500 | 300000 | 300000 | 0 |
| 13 | Transport | 18 | 20000 | 360000 | 360000 | 0 |
| | **Total** | | | **41647000** | **31647000** | **10000000** |

**5. UMUSARURO UTEGEREJWE**

| | **Umusaruro** | | **Qte** | **PU** | **PT** |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Amagi mumwaka (90%) | 1800×365 | 657000 | 70 | 45990000 |
| 2 | Gusazura inkoko 2000 (kubera accident) | | 2000 | 3500 | 7000000 |
| 3 | Kugurisha ifumbire | | 200 | 4000 | 800000 |
| | **Total** | | | | **53790000** |

**6. Inyungu itegerejwe (ikomatanije)**

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| A | **Imali yashowe** | | | | **41647000Frw** |
| B | **Imali yinjijwe** | | | | **53790000Frw** |
| | **Inyungu ( B-A) kumwaka wa mbere** | | | | **12143000Frw** |

**IBISHOBORA KUDINDIZA UMUSHINGA N'INGAMBA Z'UMWOROZI**

Umushinga ushobora kudindizwa n'indwara z'ibyorezo byatungurana, ibiza 'inkongi y'umuriro) cyangwa umuyaga udasanzwe.

Mu rwego rwo gukumira ibyadindiza umushinga Nzita kuri ibi bikurikira :

- Isuku izitabwaho kuburyo bwose, -Ibiraro bikomeye, - kurinda umutekano,
- Gukorana n'ibigo nka : urugaga rw'abaveterineri, ikigo RAB, Inganda zikora ibiryo by'amatungo, Kaminuza y'u Rwanda ishami ry'ubuhinzi n'ubworozi, ibigo bitanga amahugurwa yo kwiteza imbere mu baturage, ibigo by'ubwishingizi ku nguzanyo, banki n'abandi bizagaragara ko bafitiye umumaro uyu mushinga.

**Umwanzuro:**

Uyu mushinga w'ubworozi bw'inkoko zitera amagi urunguka ku buryo bugaragara uhereye ku mezi 6 ya mbere.

Ugendeye kubunararibonye mu bworozi ari nawe nyirumushinga, bwagaragaje ko isoko ry'amagi, inkoko zirangije gutera. Byongeye kandi ifumbire ikomoka ku nkoko ifite isoko ryizewe mu bahinzi. Igishoro cyose kingana na **41647000Frw (100%).** Inguzanyo ni **10,000,000frw (24%),** naho nyirumushinga akagira uruhare rwa miliyoni **31647000frw (76%).**

Ikigaragara ni uko uyu mushinga wunguka kuva mu mwakawa mbere. Inyungu ziri mu mushinga z'umwaka wa mbere zingana na **12143000Frw.** Birerekana ubushobozi bw'umushinga bwo kwitunga buhagije. Imari yashowe izaba yagarutse mu gihe cy'umwaka. Ibi byose bitanga ikizere, ukaba ukwiye gushyigikirwa cyane cyane ko gewe ubwange nyirumushinga, nzawikurikiranira ku giti cyange.

## ABAFASHAMYUMVIRE BAKURU MU ISHURI RY'UBWOROZI BW'INKOKO ( POULTRY – LFFS MASTER TRAINERS

| NO | AMAZINA | AHO AKORERA | ICYO ASHINZWE | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1. | Dr. Hirwa Claire d'Andre | RAB | Senior Research Fellow | 0784824250 |
| 2. | Kayitesi Aline | RAB | Senior Research Technician | 0788469897 |
| 3. | Ndayambaje Nathan | RAB | Research Technician Grade II | 0788579182 |
| 4. | Safari Sylvestre | RAB | Associate Research Fellow | 0789095332 |
| 5. | Uwimana Gaspard | RAB | Associate Research Fellow | 0788473440 |
| 6. | Semahoro Fabrice | RAB | Research Fellow | 0788757636 |
| 7. | Habimana Richard | UR | Lecturer | 0782555390 |
| 8. | Nyiransengimana Eugenie | RAB | Associate Research Fellow | 0788461178 |
| 9. | Mukakalisa Christine | RAB | Research Technician Grade III | 0787600063 |
| 10. | Dr. Kwizera Fred | Avi Farms Solutions | Managing Director | 0782715102 |
| 11. | Dr. Uyisunze Alexia | Uzima Chicken | Technical Manager | 0788533689 |
| 12. | Gumisiriza Alon | Zamura FEEDS | Lead Poultry Technician | 0788535102 |
| 13. | Niyireba Remy Titien | RAB | Assistant Research Fellow | 0788437825 |
| 14. | Dr. Theoneste Sikubwabo | Easyhatch | Operation Manager | 0788426528 |

| *ABAFATANYABIKORWA : IAIKI* |
| --- |
| Enabel · University of Rwanda · easyHATCH · Uzima Chicken "Every Farmer" |